

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya Minisitiri /Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N°01 ryo kuwa 17/05/2012

Iteka rya Minisitiri rigena ishyirwaho rya Komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo.....2

N°01 of 17/05/2012

Ministerial Order determining modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees.....2

N°01 du 17/05/2012

Arrêté Ministériel déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail.....2

N°02 ryo kuwa 17/05/2012

Iteka rya Minisitiri rigena ibigomba kubahirizwa birebana n'ubuzima n'umutekano ku kazi.27

N°02 of 17/05/2012

Ministerial Order determining conditions for occupational health and safety.....27

N°02 du 17/05/2012

Arrêté Ministériel déterminant les conditions relatives à la santé et sécurité du travail.....27

ITEKA RYA MINISITIRI N°01 RYO
KUWA 17/05/2012 RIGENA
ISHYIRWAHO RYA KOMITE
Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU
KAZI N'IMIKORERE YAZO

MINISTERIAL ORDER N°01 OF
17/05/2012 DETERMINING MODALITIES
OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING
OF OCCUPATIONAL HEALTH AND
SAFETY COMMITTEES

ARRETE MINISTERIEL N°01 DU
17/05/2012 DETERMINANT LES
MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE
FONCTIONNEMENT DES COMITES DE
SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définition des termes

Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya Komite
y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 3: Establishment of Workplace
Health and Safety Committee

Article 3: Création du comité de santé et
sécurité au travail

Ingingo ya 4: Abagize komite y'ubuzima
n'umutekano

Article 4: Members of the Workplace Health
and Safety Committee

Article 4: Composition du comité de santé et
sécurité

Ingingo ya 5: Manda y'abagize komite
z'ubuzima n'umutekano

Article 5: Term of office of members of the
Workplace Health and Safety Committee

Article 5: Mandat des membres du comité
de santé et sécurité au travail

Ingingo ya 6: Kumanika ahagaragara
urutonde rw'abagize komite y'ubuzima
n'umutekano ku kazi

Article 6: Display of the list of members of
the health and safety Committee at the work
place

Article 6: Affichage de la liste des membres
du comité de santé et sécurité au travail

Ingingo ya 7: Inshingano za komite
z'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 7: Mission of the Workplace
Health and Safety Committee

Article 7: Missions du comité de santé et
sécurité au travail

Ingingo ya 8: Raporo y'igihembwe

Article 8: Quarterly report

Article 8: Rapport trimestriel

Ingingo ya 9 : Ibikorwa by'ubutabazi

Article 9: First aid activities

Article 9: Activités de premiers secours

Ingingo ya 10 : Inama za komite
y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 10: Workplace Health and Safety
Committee meetings

Article 10: Réunions du comité de santé et
sécurité au travail

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

Ingingo ya 11: Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 11: Workplace health and safety Register

Article 11: Registre de santé et sécurité au travail

Ingingo ya 12: Ibihano

Article 12: Penalties

Article 12: Pénalités

Ingingo ya 13: Ubugenzuzi bw'ibikorwa n'ingamba bya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 13: Monitoring of workplace health and safety Committee activities and measures

Article 13: Contrôle et stratégies du comité de santé et sécurité au travail

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 14: Repealing provision

Article 14: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 15: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 15: Commencement

Article 15: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 01 RYO KUWA 17/05/2012 RIGENA ISHYIRWAHO RYA KOMITE Z'UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI N'IMIKORERE YAZO

MINISTERIAL ORDER N°01 OF 17/05/2012 DETERMINING MODALITIES OF ESTABLISHING AND FUNCTIONING OF OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY COMMITTEES

ARRETE MINISTERIEL N°01 DU 17/05/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE MISE EN PLACE ET DE FONCTIONNEMENT DES COMITES DE SANTE ET SECURITE AU TRAVAIL

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo,

The Minister of Public Service and Labour,

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 95;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, especially in Article 95;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 95 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/02/2012, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 08/02/2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/02/2012;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ishyirwaho rya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo.

This Order determines modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees.

Le présent arrêté détermine les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Impanuka zikomoka ku murimo:** impanuka iza mu buryo butunguranye iturutse ku kazi cyangwa ku bindi bijyanye n'akazi igatera umukozi igikomere.

2° **Indwara zikomoka ku murimo:** indwara ziturutse ku ngorane ziri mu kazi umukozi akora. Izo ngorane ashobora kuzibamo igihe mbere yuko ikimenyetso cya mbere kigaragara.

3° **Umugenzuzi w'umurimo:** umukozi ukorera ku rwego rw'Akarere cyangwa ku rwego rw'Igihugu ushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko ry'Umurimo, akamenyeshya ndetse akagira inama abakozi n'abakoresha ku nshingano n'uburenganzira bwabo.

4° **Umukozi mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi:**

a) Umuntu ufite impamyabushobozi mu cyiciro cya kabiri cya kaminuza mu by'ubuzima bw'abaturage cyangwa mu bundi bumenyi bushamikiyeho ariko by'umwihariko yarahuguwe nibura

Article 2: Definition of terms

For the purposes of this Order, the following terms shall have the following meanings:

1° **Occupational accident:** refers to work or any other related accident that occurs at the work place which may cause injury.

2° **Occupational disease:** an attack to health resulting from exposure to risk during the occupation. Such exhibition can be sometimes repeated before the first symptom appears.

3° **Labour inspector:** an agent who works at the District or central level responsible for monitoring the implementation of labour regulations and who advises both employees and employers on their rights and obligations respectively.

4° **Health and safety professional:**

a) A holder of a Bachelor's Degree in public health or in a related field with specific training of at least one (1) month in workplace health and safety issues, or one who holds an associate

Article 2: Définition des termes

Au sens du présent arrêté, les termes ci-après ont la signification suivante:

1° **Accidents de travail:** un évènement de caractère soudain survenu par le fait ou à l'occasion du travail à un salarié d'une entreprise qui lui cause un dommage corporel.

2° **Maladie professionnelle:** une atteinte à la santé due à l'exposition à un risque durant l'activité professionnelle. Cette exposition peut être parfois répétée avant que le premier symptôme n'apparaisse.

3° **Inspecteur du travail:** un agent travaillant au niveau du District ou au niveau central chargé de contrôler l'application de la réglementation du travail. Il conseille et informe les employeurs et les salariés sur leurs droits et obligations respectifs.

4° **Professionnel en santé et sécurité au travail:**

a) Une personne détentrice d'une licence en santé publique ou domaine connexe avec formation spécifique d'au moins un mois en santé et sécurité au travail, ou à défaut ayant fait le premier cycle

ukwezi kumwe (1) mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi, cyangwa se uwarangije kwiga icyiciro cya mbere cya kaminuza mu buzima bw'abaturage cyangwa mu ishami rifitanye isano n'iby'ubuvuzi ritanga amahugurwa nibura y'amezi abiri (2) mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi;

degree in public health or in any other paramedical option with specific training of at least two (2) months in health and safety at work place;

d'université en santé publique ou autre option paramédicale avec une formation spécifique d'au moins deux mois (2) en santé et sécurité au travail ;

b) Umuntu wakurikiye amashuri makuru mu nyigisho izo ari zo zose ariko akaba yarakurikiye amahugurwa byibuze mu gihe cy'amezi atatu (3) mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi kandi akayatsinda.

b) A person who made higher studies in any field but also successfully attended a training of at least three (3) months on health and safety at workplace;

b) Une personne ayant fait les études supérieures dans n'importe quel domaine ayant cependant suivi avec succès une formation d'au moins trois (3) mois en santé et sécurité au travail.

5° **Impuguke mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi:** Umuntu wese wabonye impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu by'ubuzima n'umutekano ku kazi.

5° **Health and Safety Expert:** any person who obtained a post graduate university degree in occupational health and safety.

5° **Expert en santé et sécurité au travail:** toute personne ayant obtenu un diplôme post universitaire en santé et sécurité au travail.

6° **Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi:** itsinda ry'abakozi bafite intego yo guteza imbere ubuzima n'umutekano ku kazi ndetse no gukumira indwara n'impanuka byose bituruka ku murimo.

6° **Workplace Health and Safety Committee:** a joint working team whose primary objective is to improve health and safety, as well as prevent occupational diseases and accidents.

6° **Comité de santé et sécurité au travail:** une équipe de travail paritaire dont l'objectif premier est l'amélioration des conditions en santé et sécurité du travail, et dont le but est la prévention des maladies et accidents professionnels.

Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 3: Establishment of Workplace Health and Safety Committee

Article 3: Création du comité de santé et sécurité au travail

Ibigo byose n'amasosiyete bifite abakozi nibura makumyabiri (20) kandi bikora imirimo yo mu rwego rw'inganda, imirimo ya Leta n'inyubako ndetse n'ikigo cyose

Any institution or company employing at least twenty (20) workers and which operates in the industrial sector, public works and construction or engaged in mechanical works or mining shall

La création des comités de santé et sécurité au travail est obligatoire dans tous les établissements et entreprises employant au moins vingt (20) travailleurs et qui exercent

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

gikora imirimo y'ubukanishi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bitegetswe gushyiraho komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi.

Ibigo n'amasosiyete bikorera imirimo yabyo mu zindi nzego z'imirimo zitavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bisabwa gushyiraho komite z'ubuzima n'umutekano iyo umubare w'abakozi bikoresha ugera kuri mirongo itanu (50).

Icyakora, Umukozi w'Ubuzima n'Umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu cyangwa Umugenzuzi w'umurimo w'aho ibikorwa biri bashobora gutegeka ishyirwaho rya Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo gifite abakozi batageze ku mubare wa ngombwa uvugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo hitawe ku miterere y'imirimo ikorwa n'ubumemere bw'impanuka zihariye abakozi bahura na zo.

Ku bigo bitagejeje ku mubare wa ngombwa w'abakozi kugira ngo bishyireho Komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi, abakozi batora intumwa ibahagarariye n'umusimbura wayo bashinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi. Ibi kandi ni na ko bigenda ku nzego z'imirimo yihariye nk'iy'ubwikorezi bw'abantu ku buryo umuyobozi w'ikinyabiziga n'uwishyuza abagenzi bagomba kuba bafite ibyangombwa bihagije kandi bagakora inshingano z'intumwa zishinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi.

have to establish a workplace health and safety committee.

Institutions and companies operating in sectors other than those specified above and employing fifty (50) persons shall also put in place a health and safety committee.

However, the Professional/Expert in charge of Health and Safety at national level or the labour inspector of the area of the activities may obligate the establishment of a workplace health and safety committee in institutions employing workers below the number set out in Section One and two of this Article taking into account the nature of work to be performed and the severity of particular hazards to which workers are exposed.

For other institutions which do not have the required number of workers to establish Workplace Health and Safety Committees, workers shall choose a workplace health and safety representative and his deputy. The same shall also apply to specific types of activities such as public transport where the driver and the conductor shall be equipped enough to assume the responsibilities pertaining to occupational health and safety.

leurs activités dans le secteur industriel, les travaux publics et les bâtiments ainsi que tout établissement ou entreprise exerçant les travaux à caractère mécanique ou d'extraction minière.

Les établissements et entreprises exerçant leurs activités dans les autres secteurs que ceux cités à l'alinéa précédent employant au moins cinquante (50) personnes doivent mettre en place des comités de santé et sécurité au travail.

Toutefois, le professionnel en santé et sécurité au niveau national ou l'inspecteur du travail du ressort peut imposer la mise en place d'un comité de santé et sécurité au travail dans les établissements n'occupant pas le nombre requis de travailleurs prévu aux alinéas premier et deuxième du présent article, compte tenu de la nature des travaux effectués et de la gravité des risques particuliers auxquels sont exposés les travailleurs.

Dans les autres établissements où il n'existe pas de comités de santé et sécurité au travail, les travailleurs doivent élire un délégué titulaire et un délégué adjoint pour les questions de santé et sécurité au travail. Ceci s'applique également aux cas spécifiques comme par exemple, le transport en commun, où le conducteur et son convoyeur doivent tous deux être outillés pour assumer les responsabilités de délégués aux questions de santé et sécurité au travail.

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

Ingingo ya 4: Abagize komite y'ubuzima n'umutekano

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'aba bakurikira:

- 1° uhagarariye intumwa z'abakozi utoranywa na bagenzi be: Perezida;
- 2° uhagarariye sendika y'abakozi utoranywa n'abagize Komite y'urugaga rw'abakozi: Visi Perezida;
- 3° uhagarariye umukoresha;
- 4° umukozi/impuguke mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa ushinzwe serivisi y'ubuvuzi igihe ikigo cyangwa sosiyete bimufite ;
- 5° umuntu wese ushobora gutanga ibitekerezo byafasha mu gushyiraho no kunoza ingamba zo kurengera ubuzima n'umutekano ku kazi.

Amasosiyete afite amashami agomba gushyiraho komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi ihuriweho n'abakozi babiri bahagarariye icyicaro gikuru n'abakozi babiri bahagarariye buri Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi yose ku ishami.

Article 4: Members of the Workplace Health and Safety Committee

The Workplace Health and Safety Committee shall comprise of the following members:

- 1° a representative of staff nominated by his/her peers: Chairperson;
- 2° a trade union representative nominated by members of the trade union Committee: Vice president ;
- 3° a representative of the employer;
- 4° the workplace health and safety professional/expert or the officer in charge of health service in case the institution or company has such an officer;
- 5° any person who may advise on how to design and improve the occupational health and safety measures.

Companies which have branches shall be required to set up committee comprising of two representatives of the registered office and two representatives of each Workplace Health and Safety Committee of the branch.

Article 4: Composition du comité de santé et sécurité

Le comité de santé et sécurité est composé des membres suivants:

- 1° un représentant des délégués du personnel désigné par ses pairs : Président;
- 2° un représentant syndical désigné par les membres du comité syndical : vice-président ;
- 3° un représentant de l'employeur;
- 4° un professionnel/expert en santé et sécurité au travail et/ou un chargé du service médical, s'il en existe un dans l'établissement ou l'entreprise;
- 5° toute personne qui peut donner des avis utiles dans l'adoption des stratégies de protection de santé et sécurité au travail;

Les entreprises ayant des succursales doivent avoir un comité collégial formé de deux représentants du siège et de deux représentants de chaque comité de santé et sécurité au travail de la succursale.

Ingingo ya 5: Manda y'abagize komite z'ubuzima n'umutekano

Abagize Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Iyo umwe mu bagize Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi avuye mu mwanya we agomba gusimburwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uhereye igihe aviriye mu mwanya we.

Ingingo ya 6: Kumanika ahagaragara urutonde rw'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Urutonde rw'amazina y'abagize buri Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi rugomba kumanikwa ahagaragara mu nyubako za sosiyete cyangwa z'ikigo kandi kopi y'urwo rutonde igomba gushyikirizwa umugenzuzi w'umurimo muri icyo gihe.

Ingingo ya 7: Inshingano za komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi ifite inshingano zikurikira:

- 1° gusesengura impanuka zikomoka ku murimo abakozi bakora mu kigo bashobora guhura na zo;
- 2° gukora iperereza igihe habaye impanuka cyangwa igihe havutse

Article 5: Term of office of members of the Workplace Health and Safety Committee

Members of the Workplace Health and Safety Committee shall be elected for a three (3) year renewable mandate.

In case a member of the Workplace Health and Safety Committee loses his/her position, he/she shall be replaced within a period of one (1) month from the date of loss of membership.

Article 6: Display of the list of members of the health and safety Committee at the work place

The list of names of members of each Workplace Health and Safety Committee shall be displayed within the premises of the institution or company and a copy thereof shall be reserved to the Labour Inspector of the area.

Article 7: Mission of the Workplace Health and Safety Committee

The Workplace Health and Safety Committee has the following responsibilities:

- 1° to analyse occupational accidents to which workers of the institution may be exposed;
- 2° to conduct investigations in case an accident occurs or in occurrence

Article 5: Mandat des membres du comité de santé et sécurité au travail

Les membres du comité de santé et sécurité au travail sont élus pour un mandat de trois (3) ans renouvelable.

En cas de vacance de poste, le remplacement de(s) membre(s) du comité de santé et sécurité au travail doit intervenir dans un délai d'un (1) mois à compter de la date de la vacance.

Article 6: Affichage de la liste des membres du comité de santé et sécurité au travail

La liste nominative des membres de chaque comité de santé et de sécurité au travail doit être affichée dans les locaux de l'entreprise ou de l'établissement et une copie adressée à l'Inspecteur du Travail du ressort.

Article 7: Missions du comité de santé et sécurité au travail

Le comité de santé et sécurité au travail a les attributions suivantes:

- 1° analyser les risques professionnels auxquels sont exposés les travailleurs de l'établissement;
- 2° procéder aux enquêtes en cas d'accident ou manifestation de maladie

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

- | | | |
|--|---|--|
| indwara itewe n'umurimo umukozi akora no gutanga ingamba zo gukumira iyo mpanuka cyangwa iyo ndwara; | of an occupational disease and propose prevention and protection measures; | professionnelle et proposer des mesures de prévention et de protection; |
| 3° gukora iperereza ku mpanuka yateje urupfu rw'umukozi cyangwa yatuma umukozi agira ubumuga buhorahono no gufata imyanzuro hashingiwe kuri iryo perereza ryakozwe; | 3° to conduct investigations on occupational accidents resulting in death of a worker or the causes of permanent disability or those which have revealed a serious danger to the worker's health and to draw conclusions based on investigations; | 3° procéder aux enquêtes sur un cas d'accident du travail ayant entraîné la mort ou paraissant devoir entraîner une incapacité permanente ou ayant révélé l'existence d'un danger grave sur la santé de l'employé et en tirer les conclusions; |
| 4° gutanga buri gihe imibare y'impanuka n'indwara bikomoka ku murimo no gukora raporo ngarukagihembwe igaragaza uburyo sosiyete igenda ifata ingamba zo kuzikumira; | 4° to regularly submit updated statistics on occupational accidents and diseases and make quarterly reports on the progress made towards prevention within the company; | 4° fournir régulièrement les statistiques liées aux accidents et maladies professionnels et établir des rapports trimestriels sur l'évolution de la prévention dans l'entreprise; |
| 5° gukurikirana iyubahirizwa ry'ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi; | 5° to ensure implementation of workplace health and safety legislative and regulatory requirements; | 5° veiller au respect de l'application des prescriptions législatives et réglementaires en matière de santé et sécurité au travail; |
| 6° gutanga ibitekerezo ku kintu cyose cyakorwa ku bijyanye n'uburyo bw'imikorere y'akazi bwizewe kurusha ubundi kandi ibyo bigakorwa hatoranywa ibikoresho umukozi akoresha no kubihuza n'umurimo we ndetse n'ibikoresho bikenewe kwifashishwa mu mirimo ikorwa no gutunganya aho umukozi akorera; | 6° to provide advice on any initiative relating the safest and reliable methods of work through the choice and adaptation of materials and equipment necessary for the work and the adjusting of work places; | 6° donner des consignes et susciter toute initiative portant sur les méthodes et procédés de travail les plus sûrs par le choix et l'adaptation du matériel, de l'appareillage nécessaire au travail et l'aménagement du lieu de travail; |
| 7° kwifashisha uburyo bunoze bwose | 7° to provide, through effective means the | 7° utiliser tous les moyens efficaces pour |

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

bushoboka mu kumvikanisha igisobanuro cy'impanuka zikomoka ku kazi;	meaning of occupational hazard;	expliquer le sens du risque professionnel;
8° gutanga inama ku byerekeye gahunda z'amahugurwa ku byerekeye ubuzima n'umutekano n'uko zavugururwa;	8° to provide advice on health and safety training programmes and adjustment of such programmes;	8° donner des conseils sur les programmes de formation relative à la santé et à la sécurité au travail et leur adaptation;
9° gusuzuma mu gihe kiboneye, inyandiko igaragaza, kuri buri gikorwa cy'amahugurwa, igihe kimara n'amikoro ateganyijwe mu kugishyira mu bikorwa no kugenzura ko gishyirwa mu bikorwa neza;	9° to examine documents specifying, for each training activity, the duration and the means allocated to achieve it and to ensure its effective implementation;	9° examiner en temps utile, les documents précisant, pour chaque formation, la durée et les moyens prévus pour la réaliser et veiller à sa mise en œuvre effective;
10° gukora ku buryo hafatwa ingamba zikwiye mu guhugura no kongerera abakozi ubumenyi mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi;	10° to ensure that all appropriate measures are taken to provide training of workers and upgrade their skills in the field of occupational health and safety;	10° veiller à ce que toutes les mesures utiles soient prises pour assurer la formation et le perfectionnement du personnel en matière de santé et sécurité au travail;
11° kwita ku gikorwa cyo gutunganya no guhugura itsinda rishinzwe ubutabazi bw'ibanze ku kazi no kureba niba iryo tsinda rifite ibikoresho rikeneye kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo no gukora ku buryo abakozi bashobora guhura n'impanuka bahabwa ubutabazi bw'ibanze;	11° to ensure the organization and training of the team tasked with providing first-aid at workplace and ensure that it is provided with equipment necessary for discharging its duties in case any hazard occurs;	11° s'assurer de l'organisation et de la formation de l'équipe chargée de fournir les premiers secours sur le lieu de travail et qu'elle dispose de l'équipement nécessaire pour s'acquitter de ses obligations au cas où un accident se produit;
12° gukangurira abakozi kurushaho kumenya iby'ubuzima n'umutekano ku kazi, guteza imbere umuco wo gukumira impanuka n'indwara zikomoka ku kazi no kurwanya	12° to sensitize workers on workplace health and safety related issues and develop a culture of prevention of occupational accidents and hazards and the fight against AIDS or any other	12° sensibiliser les travailleurs en matière de santé et sécurité au travail et développer une culture de prévention des accidents et maladies professionnelles et de lutte contre le

SIDA cyangwa ikindi kibazo cyose cy'ubuzima muri rusange.

public health danger.

SIDA ou tout autre problème de santé publique.

Ingingo ya 8: Raporo y'igihembwe

Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igomba gukora raporo ngarukagihembwe igaragaza imiterere y'ikibazo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi ku birebana n'abakozi ba sosiyete ikayohereza umukoresha ikagera kopi umugenzuzi w'umurimo wo muri ako Karere, Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo ndetse n'Ikigo cy'u Rwanda cy'ubwiteganyirize bw'abakozi kandi igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iri muri iyo raporo.

Article 8: Quarterly report

The Workplace Health and Safety Committee shall make a quarterly report on the state of health and safety within the institution to be addressed to the employer with a copy thereof reserved to the Labour Inspector of the area, the Ministry in charge of Labour and to Rwanda Social Security Board and shall ensure the implementation of the recommendations made.

Article 8: Rapport trimestriel

Le comité de santé et sécurité au travail doit établir un rapport trimestriel de la situation de la santé et sécurité au travail dans l'entreprise, l'adresser à l'employeur avec copie à l'inspecteur du travail du ressort, au Ministère ayant le travail dans ses attributions et à l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale et assurer la mise en œuvre des recommandations émises.

Ingingo ya 9: Ibikorwa by'ubutabazi

Iyo abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi bamaze guturwa, bagomba guhabwa amahugurwa ahagije mu byerekeye ubutabazi, bagahabwa ibikoresho bakenewe kugira ngo izo nshingano zuzuzwe kandi ibyo bikoresho bigomba gufatwa neza buri gihe kandi hagashyirwaho uburyo bwo kubitanga.

Article 9: First aid activities

Members of the Workplace Health and Safety Committee shall after their election, trained in first aid provision and shall be provided with the equipment required for the discharge of such duties and the equipment shall be well preserved and its provision ensured.

Article 9: Activités de premiers secours

Les membres du comité de santé et sécurité au travail une fois élus, doivent bénéficier d'une formation solide en secourisme et obtenir l'outillage nécessaire pour remplir leurs fonctions. Le matériel composant le kit de secourisme doit être bien conservé et le système d'approvisionnement doit être mis en place.

Urutonde rw'ibikoresho bigomba kuba biri mu gasanduku k'ibikoresho byifashishwa mu butabazi ruri mu mugereka w'iri teka.

The contents of the first aid kit are detailed in Annex to this Order.

Le contenu du kit de secourisme est détaillé à l'annexe du présent arrêté.

Amahugurwa yo kongera ubumenyi agomba gutegurwa nibura rimwe mu mwaka.

Training for skills upgrading shall be held at least once a year.

Les formations de remise à niveau doivent être organisées au moins une fois par an.

Umukoresha ni we utanga amafaranga

The cost to finance the training and to build up

Il incombe à l'employeur de financer ces

akoreshwa mu mahugurwa no kugura agasanduku gakubiyemo ibikoresho byifashishwa mu butabazi.

the first aid kit shall be borne by the employer.

formations ainsi que la constitution du kit de secourisme.

Ingingo ya 10: Inama za komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 10: Workplace Health and Safety Committee meetings

Article 10: Réunions du comité de santé et sécurité au travail

Buri komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi iterana nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa itumijwe na Visi Perezida wayo iyoye Perezida adahari.

The Workplace Health and Safety Committee shall meet at least once per quarter and whenever necessary at the invitation by its Chairperson or, in his/her absence, by its Deputy Chairperson.

Le comité de santé et sécurité au travail se réunit au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en son absence, de son vice-président.

Ubutumire bw'inama bugomba guherekezwa n'ibiri ku murongo w'ibigomba kwigirwa muri icyo nama kandi bugashyikirizwa abagize komite nibura mu minsi itatu (3) mbere y'uko inama iba. Inama zigomba kubera mu kigo, kandi zigakorwa mu gihe cy'amasaha y'akazi. Ibyemezo byazo bifatwa ku bwumvikane busesuye.

The notice of the meeting shall specify its agenda and shall be issued to the members of the Committee within three (3) days before the meeting is held. The meetings shall be held within the premises of the institution during working hours and their decisions shall be taken by consensus.

L'invitation accompagnée de l'ordre du jour doit parvenir aux membres du comité trois (3) jours au moins avant la tenue de la réunion. Les réunions doivent avoir lieu dans l'établissement pendant les heures de travail, et les décisions se prennent par consensus.

Ingingo ya 11: Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi

Article 11: Workplace health and safety Register

Article 11: Registre de santé et sécurité au travail

Imyanzuro cyangwa ibyemezo byafashwe n'inama ndetse n'ibyagaragajwe n'iperereza cyangwa mu isurwa ry'ikigo bishyirwa mu gitabo gishyirwamo amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi.

The recommendations or decisions of the committee and findings of the investigations or remarks arising from visits at the institution shall be recorded in the workplace health and safety register.

Les recommandations ou décisions émises au cours des réunions et constat des enquêtes ou des visites de l'établissement sont consignés dans le registre de santé et sécurité au travail.

Icyo gitabo cyerekwa umugenzi w'umurimo mu karere, umukozi/ impuguke mu byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu ndetse n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda.

The Workplace health and safety register shall be availed upon request to the District Labour Inspector, the workplace health and safety expert/ Professional and to Rwanda Social Security Board.

Ce registre est tenu à la disposition de l'inspecteur du travail au niveau du District, du professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national et à l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale.

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

Icyo gitabo kigomba kuba kigizwe n'ibice bitatu (3) bikurikira:

- 1° igice cya mbere gishyirwamo ibyagaragajwe n'iperereza ryakozwe n'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu rwego rwo kuzuza inshingano zabo ndetse na raporo igaragaza ibyagaragaye igihe ikigo cyasurwaga;
- 2° igice cya kabiri gishyirwamo amakuru arebana n'impanuka zose n'indwara zikomoka ku kazi byabaye mu kigo;
- 3° igice cya gatatu cyuzuzwamo ibyagaragajwe n'umukozi w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, Umugenzuzi w'umurimo n'Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'igihugu.

The workplace health and safety Register shall comprise of the following three (3) parts:

- 1° the first part contains findings of investigations conducted by members of the health and safety committee as part of their mission as well as reports of visits in the institution;
- 2° the second part shall contain all occupational accidents and diseases which occurred in the institution;
- 3° the third part is reserved for the observations of the officer of Rwanda Social Security Board, the Labour Inspector and those of the occupational health and safety Professional/expert at National level.

Ledit registre comprend trois (3) parties suivantes:

- 1° la première partie où sont rapportés les résultats de l'enquête effectuée par les membres du comité de santé et sécurité au travail dans le cadre de leur mission ainsi que les rapports de visites effectuées au sein de l'établissement;
- 2° la deuxième partie où sont consignées toutes les informations relatives aux accidents et maladies professionnelles survenus au sein de l'établissement;
- 3° la troisième partie est réservée aux observations de l'agent de l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale, de l'inspecteur du travail et celles du professionnel/expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national.

Ingingo ya 12: Ibihano

Ibihano bikurikira bishobora gutangwa hakurikijwe uburemere bw'ikosa ryakozwe:

- 1° Uretse mu gihe hakozwe ikosa rikomeye, nta na rimwe umukoresha afatirwa igihano atabanje kwihanangirizwa. Igihano cyo kwihanangirizwa ntikirenza iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kandi

Article 12: Penalties

The following sanctions may be imposed depending on the gravity of the fault committed:

- 1° Except in cases of grave violations of law, no sanction can be imposed on an employer without formal notice. The duration of the notice shall not exceed thirty (30) working days, and shall be recorded in the workplace health and

Article 12: Pénalités

Les sanctions reprises ci-après peuvent être appliquées selon la gravité de la faute:

- 1° Sauf en cas de violation grave et flagrante, aucune sanction ne peut être imposée sans que l'employeur n'ait été mis en demeure. La mise en demeure est de trente (30) jours ouvrables au maximum. Elle doit être portée par

Official Gazette n° Special of 25/05/2012

bikandikwa mu gitabo cy'ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa binyujijwe mu nyandiko yihanangiriza ikoherezwa mu ibaruwa ishinganye uyitanze agahabwa icyemezo cy'uko yakiriwe.

Inyandiko yihanangiriza igomba kuba iriho itariki n'umukono kandi ikagaragaza amakosa yakozwe n'igihe ntarengwa agomba kuba yakosorewe.

Icyo gihe ntarengwa kigenwa hashingiwe ku kuntu ibintu byifashe, ku kamaro no ku gihe imirimo yo gukosora ikosa yakorwamo.

2° Guhagarikirwa imirimo by'agateganyo mu gihe kiri hagati y'iminsi irindwi (7) n'amezi abiri (2), iyo atubahirije ibivugwa mu gace ka mbere;

3° Gufungwa burundu kw'ikigo, iyo mu gihe cyo guhagarikwa by'agateganyo, kitashoboye kubahiriza ibisabwa.

Igihano cyose kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze hashingiwe kuri raporo yakozwe n'ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu.

safety register, and if not possible, it shall be sent through a registered letter with acknowledgment of receipt.

The formal notice shall be dated and signed and shall state the fault committed and the deadline for rectification.

The duration of the warning notice shall be determined depending on the circumstances, the magnitude and the period for rectification of the situation.

2° Suspension of the establishment for a period between seven (7) days and two (2) months; in case of violation of Sub Paragraph One;

3° Closing of the enterprise in case of failure to address the issues during the temporary closure.

Any sanction referred to in Paragraph One of this Article shall be decided by the Minister in charge of labor, based on report done by the Professional/Expert in charge of Occupational Health and Safety at National level.

écrit au registre de santé et sécurité au travail et, à défaut, par lettre recommandée avec accusé de réception.

Datée et signée, la mise en demeure précise la faute constatée et fixe le délai à l'expiration duquel un remède doit y être porté.

La durée de la mise en demeure s'apprécie compte tenu des circonstances, de l'importance et de la durée des travaux nécessaires au redressement de la situation.

2° Fermeture temporaire de l'établissement pour une durée allant de sept (7) jours à deux (2) mois, en cas de violation des dispositions du premier point;

3° Fermeture définitive de l'établissement en cas de non-respect des exigences lui faites pendant la période de suspension provisoire d'activité.

Toute sanction prévue à l'alinéa premier du présent article doit être approuvée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions, en se basant sur le rapport fait par le professionnel/expert chargé de la santé et

Iyo raporo yakozwe n'Umugenzuzi w'Umurimo ku rwego rw'Akarere, igihano gitangwa iyo raporo imaze gusuzumwa n'Ushinzwe ubuzima n'Umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu kandi kikemezwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze

Iyo ari uguhagarikwa kw'igihe gito, nta muntu cyangwa ikigo bemerewe gusubukura imirimo batabanje kubiharerwa uburenganzira n'urwego rw'ubuyobozi rwafashe icyemezo.

Ingingo ya 13: Ubugenzuzi bw'ibikorwa n'ingamba bya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu, Umugenzuzi w'umurimo, umukozi w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda n'umukozi ushinzwe iby'ubuzima n'umutekano mu kigo bafite ishingano yo gukurikirana umunsi ku wundi, kandi ku buryo bwihariye imikorere ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.

Bashinzwe kandi kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zateguwe na Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi zo gukumira impanuka ku kazi n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya buri mwaka ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.

When the sanction is to be based on the report done by the District labor Inspector, the said report shall require prior verification by the professional/expert in charge of occupational health and safety at National level and decided by the Minister in charge of labour.

In case of temporary closure, no establishment shall resume its activities without authorization of the organ that took the decision.

Article 13: Monitoring of workplace health and safety Committee activities and measures

The Professional/expert in charge of Occupational health and safety at national level, the Labour Inspector, the officer of the Rwanda Social Security Board and the occupational Health and safety professional of the institution shall have particular responsibility of monitoring the daily operation of the workplace health and Safety Committee.

They are also responsible for making a follow up on the implementation of prevention measures prepared by the workplace health and safety committee and the implementation of the annual programme of the workplace health and safety committee.

sécurité au travail au niveau national.

Lorsque la sanction doit se baser sur le rapport fait par l'Inspecteur du travail au niveau du District, ledit rapport doit être premièrement vérifié par le professionnel/expert en santé et sécurité au travail au niveau national avant que la sanction ne soit confirmée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions.

En cas de fermeture temporaire, nul ne peut reprendre ses activités, sans l'autorisation de l'autorité qui a pris la sanction et ce, sur base du rapport du constat de la fin de la faute.

Article 13: Contrôle et stratégies du comité de santé et sécurité au travail

Le professionnel/expert chargé de la santé et sécurité au travail au niveau national, l'inspecteur du travail, l'agent de l'Office Rwandais de la Sécurité Sociale et l'agent chargé de la santé et sécurité au travail de l'établissement sont chargés du suivi avec attention particulière du fonctionnement journalier des comités de santé et sécurité au travail.

Ils sont également chargés de veiller au contrôle de l'application des mesures de prévention préconisée par le comité de santé et sécurité au travail dans l'établissement et à la réalisation du programme annuel du comité de santé et sécurité au travail.

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 15: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **17/05/2012**

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

